DISCOVER
ITS BEAUTY

Igice 6

# IHISHURWA RYA NYUMA

DR. NAJI IBRAHIM



# Ihishurwa rya nyuma

Qur’an ntagatifu ni ryo hishurwa rya nyuma (Ni bwo butumwa bwasozereje ubundi bwose bwabayeho) yamanuwe na Allah (Imana), ibuhishuriye Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha). Qur’an ni ryo tegeko ngenga rituruka kwa Allah ryoherejwe ku isi kugira ngo riyobore abantu.

Qur’an ivuga ubumenyi bwuzuye nta macyemwa bw'Umuremyi ku byerekeye ibyo yaremye. Ihishura ukuri kandi igahamagarira abantu inzira yako. Ikubiyemo ubutumwa bw’ingenzi ku byerekeye igeno ry’abantu. Yigisha kandi ikarera abantu mu rwego rwo hejuru mu bya roho, imyifatire, ubwenge, n'imibereho mu gihe baharanira kuyumva no kuyiga ndetse no gushyira mu bikorwa inyigisho zayo.

Qur'ani ni igitangaza gihoraho cyahawe Intumwa ya nyuma, Muhamadi, nk'ikimenyetso cy'ubuhanuzi bwe; bityo irihariye kandi ntigereranywa. Nubwo yahishuwe mu binyejana cumi na bine bishize, ariko na n’ubu iracyari ku mwimerere wayo kandi ntiyahindutse ahubwo iracyari uko iri (ku mwimerere w’icyarabu yahoranye).

Allah muri Qur’an atubwira ko ***ari we wohereje urwibutso (Qur’an), kandi rwose ko ari we uzarurinda.*** (Qur’an 15: 9)
Na none, Allah Qur'an) aragira ati ***“Vuga (yewe Muhamadi) uti “N’iyo abantu n’amajini baza kwishyira hamwe ngo bazane igisa nk’iyi Qur’an, ntibari kuzana igisa na yo, kabone n’iyo baza kwifatanya.”*** (Qur’an 17: 88)




# Imwe mu mirongo myiza ya Qur’an

Muri aka gatabo, ndashaka kubasangiza imirongo myiza yo mu nyanja itagira inkombe y'Ijambo ry'Imana ryuje ubwenge n’ubugenge.

Kugira ngo umenye byinshi kuri ubwo butunzi bwiza kandi bwera bw'Ijambo ry'Imana imwe rukumbi y'ukuri, ndaguhamagarira kwisomera ubwawe Qur’an. Gerageza ushake ibisobanuro byayo by’ukuri kandi byizewe; ushobora kandi no gusura zimwe mu mbuga nkoranyambaga za Kisilamu zitandukanye zizewe zagaragajwe ku musozo w’aka gatabo.

Mu by’ukuri, imirongo yose ya Qur’an ni amagambo y'Imana. Reka dusome kandi turyoherwe n‘amagambo meza cyane ya Qur’an yubahitse agaragaza umurongo wa Kisilamu ku byerekeye inyigisho n’ibitekerezo bikomeye muri Isilamu, nka:

- **Ubumwe bwa Allah, Imana y'ukuri (Tawheed).**
- **Kubabarira no gukizwa.**
- **Ubutabera.**
- **Uburinganire (Kureshya imbere y’Imana)**
- **Ubutumwa bumwe (bwumvwa kimwe) ku isi hose.**
- **Allah n'intumwa ye.**
- **Umututuzo na paradizo.**
- **Abagabo n'Abagore (muri Isilamu).**
- **Inyigisho zihambaye.**
- **Ibitegetswe n’ibiziririjwe muri Isilamu.**



# Uko Qur'an yigisha ubumwe bwa Allah (Imana imwe rukumbi)!

- ***"Allah! Nta yindi mana ikwiye gusengwa mu kuri uretse We. Rwose azabakoranyiriza hamwe ku munsi w'imperuka udashidikanywaho. Nonese ni nde wavuga ukuri kurusha Allah?"*** (Qur'an 4: 87)
- ***" Uwo ni Allah Nyagasani wanyu! Nta yindi mana ikwiye gusengwa uretse We, Umuremyi wa byose. Ku bw'ibyo nimumusenge (wenyine), kandi ni We Muhagararizi wa byose."*** (Qur'an 6: 102)
- ***"Yemwe bantu! Nimwibuke inema za Allah yabahundagajeho! Ese hari undi muremyi utari Allah wabaha amafunguro aturutse mu kirere no ku isi? Nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri itari We. Ese ni gute muteshwa ukuri?"*** (Qur'an 35: 3)
- ***" Kandi ni We Allah; nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri itari We. Ishimwe n'ikuzo byuzuye ni ibye ku ntangiriro (ku isi) no ku mperuka. Ni we uca iteka, kandi iwe ni ho muzagarurwa."*** (Qur'an 28: 70).
- ***" Kandi Imana yanyu ni Imana imwe, nta yindi mana ikwiye gusengwa uretse yo, Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi."*** (Qur'an 2: 163).
- ***"1. Vuga (yewe Muhamadi) uti "We ni Allah, umwe Rukumbi," 2. Allah, Uwishingikirizwa, 3. Ntiyabyaye kandi ntiyanabyawe, 4. Ndetse nta na kimwe ahwanye na cyo."*** (Qur'an 112: 1- 4)
- ***"... nyamara bari barategetswe kutagira ikindi basenga kitari Imana imwe rukumbi. Nta wundi ukwiye kugaragirwa by'ukuri uretse Yo. Ubutagatifu ni ubwayo, kandi ntaho ihuriye n'ibyo bayibangikanya nabyo."*** (Qur'an 9: 31).

Mu by'ukuri, ingingo nziza kandi isobanutse yerekeye ubumwe bw'Imana (mu cyarabu, Tawheed) ni yo nsanganyamatsiko y'ingenzi y'ubutumwa bwa Qur'an.



Vuga uti: ***"Vuga (yewe Muhamadi) uti “Yemwe bagaragu banjye mwakabije mu kwihemukira! Ntimukajye mwiheba kuko impuhwe za Allah (zikiriho). Mu by’ukuri Allah ababarira ibyaha byose. Kandi ni Ubabarira ibyaha, Nyirimpuhwe."*** (Qur’an 39: 53)

Iyo umuntu yihannye akagarukira Allah, Allah nawe aramugarukira akakira ugusaba kwe maze akamubabarira. Nibyo, Allah ababarira ibyaha byose iyo tumugarukiye tubikuye ku mutima. Mbega ibintu byiza! ***"Mu by’ukuri, Allah akunda abicuza akanakunda abisukura."*** (Qur’an 2: 222)

Isilamu ifata Allah nk'isoko y'amahoro, impuhwe, n'imbabazi - ntabwo ari isoko y'urwango, kumena amaraso, cyangwa iterabwoba.

Kugira ngo rero ugere ku gakiza n’ubugingo buhoraho, ugomba kugarukira Allah, ukaba ari we wemera wenyine, kandi ugakora ibikorwa byiza. Ntibikenewe ko umuntu w’inzirakarengane, n’imico myiza abambwa cyangwa se akicwa azira ibyaha byakozwe n’abandi.
Isilamu itegeka abayoboke bayo (Abayisilamu) kubabarira abandi no kubagirira impuhwe. Ibi bifite muri make igisobanuro cyiza cy'agakiza n'imbabazi muri Isilamu, mu by’ukuri ni idini ry'impuhwe n'imbabazi.



***"Yemwe abemeye! Mujye muhagarara mwemye (mwuzuza inshingano zanyu) kubera Allah, kandi mujye muba abahamya batabogama, ndetse urwango abantu babafitiye ntiruzatume mutabagirira ubutabera. Mujye murangwa n'ubutabera kuko ari byo byegereye kugandukira Allah, kandi mugandukire Allah. Mu by'ukuri, Allah azi neza ibyo mukora."*** (Qur'an 5: 8)

Isilamu itwigisha kuba abatabera ku bantu bose, baba inshuti cyangwa umwanzi, ibihe byose, haba mu mahoro cyangwa mu ntambara. Itwigisha kandi uburyo twitwara mu buryo butabera no mu myifatire izira amakemwa, tutisanisha n'indangagaciro mbonezamubano zihinduka uko ibihe bigenda bisimburana bitewe n'imibereho n'imico by'abantu.

***"Mu by'ukuri, Allah abategeka gusubiza indagizo bene zo, kandi ko mu gihe mukiranuye abantu, mubakiranura mu butabera. Mu by'ukuri, inyigisho Allah abaha ni nziza! Mu by'ukuri Allah ni Uwumva cyane, Ubona bihebuje."*** (Qur'an 4:58)

Mu rwego rwo kwerekana ubwiza bwa Isilamu n'indangagaciro zihoraho zuje imbabazi n'ubutabera, Isilamu idutegeka kurinda icyo intiti za Isilamu zita **'Ibya ngombwa bitanu'**.

**1. Ukwemera**

**2. Ubuzima**

**3. Ubwenge**

**4. Icyubahiro**

**5. Umutungo**



Mu buryo bwiza, Qur'an ntagatifu yerekana ko niba umuntu yishe inzirakarengane,***"… afatwa nk'uwishe ab'isi bose. N'uzarokora ubuzima bw'umuntu, azagororerwa nk'uwarokoye ab'isi bose…"*** (Qur'an 5: 32)

Ku byerekeye umudendezo no kurengera imyemerere, Qur'an ntagatifu iragira iti: ***" Nta gahato mu kwinjira mu idini (ya Isilamu)…"*** (Qur'an 2: 256)

Ku bw'ibyo, Isilamu yubaha ikiremwa muntu kandi ntawe ihatira kuyemera. Uku ni ukuri, ubwiza, ubutabera, ineza, n'ubworoherane bya Isilamu mu gihe ubanira abatari abayisilamu. Byongeye kandi, Isilamu idutegeka kuba inyangamugayo, kutabogama igihe ducira abandi imanza.

Reka twibuke ibyo Allah atubwira muri Qur'an ntagatifu ***"... ndetse urwango abantu babafitiye ntiruzatume mutabagirira ubutabera. Mujye murangwa n'ubutabera kuko ari byo byegereye kugandukira Allah,..."*** (Qur'an 5: 8)

N'ubwo bimeze bityo ariko, hari abayobozi batandukanye muri politiki n'amadini, abanditsi, abanyamateka, n'abanyamakuru babogama ntibakoreshe ubutabera bashinja Isilamu n'abayisilamu bose iterabwoba bakavuga ko Isilamu yakwirakwijwe n'inkota; hari n'abagaragaza kurenganya no gusuzugura Allah, Imana imwe y'ukuri n'intumwa yayo ya nyuma Muhamadi mu mashusho mabi, mu ma filime, amafoto, agamije gupfobya, kwangisha no gutesha agaciro imyemerere ya Kisilamu.



# Tekereza kuri ibi bibazo:

- Ese ibi nibyo bisobanura ubwisanzure, cyane cyane ubwisanzure mu kuvuga? Ese nta kugira indimi ebyiri kugaragara, iyo bigeze kuri Isilamu n'abayisilamu?
- Ni ukubera iki nta jambo 'iterabwoba rya gikirisitu, 'iterabwoba rya kiyahudi, iterabwoba ry'Abahindu, cyangwa iterabwoba ry'Ababuda twumva mu itangazamakuru? N'iyo ribayeho ni gake cyane ryumvikana mu bitangazamakuru?
- Kuki iterabwoba ryitirirwa Isilamu n'abayisilamu gusa? Bimeze bite ku iterabwoba n'urugomo bikorwa n'abandi batari abayisilamu?
- Ese buri wese afite ubwisanzure bwo gutuka, gusebya no gusuzugura abandi n'imyizerere yabo, cyangwa kubashinja iterabwoba?
- Ese ubu nibwo buryo bw'iterambere, demokarasi, umuco, n'ubwisanzure byigishwa abakiri bato mu mashuri, kaminuza, no muri sosiyete muri rusange?
- Ese ni ukuri ko inkota y'ubuyisilamu ari yo yatumye abagabo n'abagore benshi bafite ubwenge, bafite intego, babikuye ku mitima, kandi bafungutse mu ntekerezo ku isi yose bemera Isilamu muri iki gihe? (Hari ibitabo byinshi, ingingo, inkuru, imbuga za Murandasi, hamwe n'amavidewo zivuga impamvu n'uburyo aba bavandimwe na bashiki bacu bayobotse Isilamu. Urugero, mbarangiye «Ubuyisilamu, amahitamo yacu: Amashusho y'abategarugori b'abayisilamu bo muri Amerika ya none **(Islam Our Choice: Portraits of Modern American Muslim Women, edited by Debra L. Dirks and Stephanie Parlove).**

**Icyitonderwa: N'ubwo amashusho atari meza, ibitangazamakuru byo mu burengerazuba bw'isi bivuga ko Isilamu ari ryo dini ryiyongera cyane ku isi kuruta ayandi. None se kuki ari Isilamu?**



# Icyo Qur’an ivuga ku buringanire

**Yemwe bantu! Twabaremye tubakomoye ku mugabo n’umugore, nuko tubagira amahanga n’amoko (atandukanye) kugira ngo mumenyane. Mu by’ukuri ubarusha icyubahiro imbere ya Allah ni ubarusha kugandukira (Allah). Rwose Allah ni Umumenyi uhebuje, Uzi byose."** (49: 13)

Mu gushimangira iki gitekerezo cy’uburinganire muri Isilamu, Intumwa y’Imana Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha) yatangaje mu nyigisho ze za nyuma igira iti: **"Yemwe bantu, Imana yanyu ni imwe, kandi so mukomokaho ni umwe. Mwese mukomoka kuri Adamu, naho Adamu akomoka mu gitaka. Umwarabu ntabwo aruta utari we, n’utari umwarabu ntaruta umwarabu, umuzungu ntaruta umwirabura, cyangwa umwirabura ngo arute umuzungu, Mwese murareshya. Nta muntu ufite ubutoni kurenza abandi keretse kubwo kubaha Imana, n'ibikorwa byiza arusha abandi."**

- Isilamu itwigisha kutagirira urwango cyangwa gutesha agaciro abandi ushingiye ku bwoko bwabo, ibara ry’uruhu, cyangwa ubwenegihugu.
- Isilamu ni wo muti ufatika w’icyorezo cy’amakimbirane ashingiye ku ivangura ry’amoko n’irondaruhu bihangayikishije isi.

Muri Isilamu, abirabura n'abera ni abavandimwe kuko basangiye bose kuba ari abantu. Twese dukomoka kuri Data umwe, Adamu, waremwe mu gitaka; ni yo mpamvu twese twavuye mu gitaka kandi twese ni cyo tuzasubiramo, tuzongere duhinduke itaka.

Iri somo ry’ingenzi ryakomotse ku mirongo yavuzwe haruguru yo muri Qur'an hamwe n’inyigisho za nyuma z’Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha). None se ni iyihe mpamvu itera bamwe kwiyumvana ubwibone budafite ishingiro no kwirata ku bandi?



# Ubutumwa bumwe ku isi hose

Abayisilamu bakunda kandi bizera Abahanuzi b'Imana bose barimo : Adamu, Nowa, Aburahamu, Ishimayeli, Isaka, Yakobo, Mose, Yesu, na Muhamadi (Amahoro n'imigisha bya Allah bibe kuri bose).

Qur'ani igira iti: Vuga uti: ***"… muvuge muti "Twemeye Allah n'ibyo twahishuriwe, n'ibyahishuriwe Aburahamu (Ibrahimu), Ishimayeli (Ismail), Isaka (Is'haq), Yakobo (Yaqub) n'urubyaro rwe, ibyahishuriwe Musa, ibyahishuriwe Yesu (Issa) ndetse n'ibyahishuriwe abahanuzi biturutse kwa Nyagasani wabo. Nta n'umwe tuvangura muri bo kandi ni We twicishaho bugufi (Abayisilamu)."*** (2: 136)

Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: **" Ninjye urusha abantu bose kuba bugufi ya Yesu mwene Mariya, kuko nta wundi muhanuzi wari hagati yanjye na we. Abahanuzi ni abavandimwe; (bameze nk'abana bavuka kuri ba nyina batandukanye nyamara se ari umwe), ndetse n'idini ryabo ni rimwe."**

**HANYUMA IRYO DINI RIMWE NYAKURI RY'ABAHANUZI B'IMANA BOSE NI IRIHE?**



# Indi mirongo ya Qur'an yo gutekerezaho

Ubwiza, uburyohe, n'ubuziranenge bwa Qur'ani ntagatifu ntibigira umupaka, reka rero mvuge gusa imirongo imwe ya Qur'an ntabyinjiyemo cyane. Ndifuza ko ubitekerezaho, gerageza kwishakira ubundi butunzi mu butumwa bwa nyuma ari bwo Qur'an.

## ALLAH N'INTUMWA YE


***"Ni We wohereje Intumwa ye (Muhamadi) izanye umuyoboro (Qur'an) n'idini by'ukuri, kugira ngo arisumbishe andi madini yose. Kandi Allah arahagije kuba umuhamya."*** (48: 28)

***"Ntabwo Muhamadi ari se w'uwo ari we wese muri mwe, ahubwo ni intumwa ya Allah akaba n'uwasozereje abahanuzi. Kandi Allah ni Umumenyi wa byose."*** (33: 40)

## ITUZE NA PARADIZO

***"Ni We wamanuye ituze mu mitima y'abemeramana kugira ngo ukwemera kwabo kwiyongere ku kwemera basanganywe. Ndetse ingabo zo mu birere no ku isi ni iza Allah, kandi Allah ni Umumenyi uhebuje, Nyirubugenge buhambaye. Kugira ngo yinjize abemeramana n'abemeramanakazi mu busitani butembamo imigezi (Ijuru) bazabamo ubuziraherezo, ndetse anababababarire ibyaha byabo. Kandi ibyo ni intsinzi ihambaye kwa Allah. "*** (48: 4-5)

***"(Umwemeramana azabwirwa ati) "Yewe roho ituje!" "Garuka kwa Nyagasani wawe umwishimiye na We akwishimiye!" "Maze winjire mu bagaragu banjye (b'intungane)", "Uninjire mu Ijuru ryanjye!"""*** (89: 27-30)



## ABAGABO N'ABAGORE MURI ISILAMU

***"Mu by'ukuri Abayisilamu n'Abayisilamukazi, abemeramana n'abemeramanakazi, abagabo n'abagore bibombarika (kuri Allah), abagabo n'abagore b'abanyakuri, abagabo n'abagore bihangana, abagabo n'abagore bicisha bugufi, abagabo n'abagore batanga amaturo, abagabo n'abagore basiba (Swawumu), abagabo n'abagore barinda ubwambure bwabo, abagabo n'abagore basingiza Allah kenshi; Allah yabateguriye kuzababababarira ibyaha no kuzabaha igihembo gihambaye (Ijuru)."*** (33: 35)

***"N'uzakora ibitunganye, yaba uw'igitsina gabo cyangwa uw'igitsina gore, kandi akaba ari umwemera, abo bazinjira mu Ijuru kandi ntibazigera bahuguzwa habe n'iyo byaba ikingana n'intimatima."*** (4: 124)

## INYIGISHO ZIKOMEYE

***"133. Kandi mwihutire gushaka imbabazi ziva kwa Nyagasani wanyu, n'ijuru rifite ubugari bungana n'ibirere n'isi; ryateguriwe abagandukira (Allah), 134. Ba bandi batanga mu bihe byiza no mu bihe by'ingorane, abatsinda uburakari, n'ababababarira abantu, kandi Allah akunda abakora ibyiza (nk'abo). 135. Na ba bandi iyo bakoze icyaha cy'urukozasoni cyangwa bakihemukira (batumvira Allah), bibuka Allah nuko bagasaba imbabazi z'ibyaha byabo. Ese ni nde wababarira ibyaha uretse Allah? ntibanagume mu byo bakoraga kandi babizi (ko ari ibyaha)."*** (3: 133-136)



## IBITEGETSWE N'IBIZIRIRIJWE

***"…Ntimuzasenge ikindi kitari Allah, muzagirire neza ababyeyi bombi, abo mufitanye isano, imfubyi n'abakene, muvugane n'abantu mukoresheje imvugo nziza,..***"
(Qur'an 2: 83)

## KWIBUKA IMANA

***"Ba bandi bemeye kandi bakagira imitima ituje ku bwo gusingiza Allah, mu by'ukuri mumenye ko gusingiza Allah bituma imitima ituza.***" (Qur'an 13: 28)

Mu by'ukuri, ukuri, inyungu, n'ibitangaza bya Qur'an ntagatifu ntibigira iherezo. Uko tuyisoma, niko tuvumbura byinshi, kandi buri gihe tugasa n'abayisomye bwa mbere.

Hari ibindi bintu byinshi bishimishije bya Qur'an, harimo ibitangaza by'ukuri, ubuhanga bw'indimi, ubumenyi bwa siyansi, n'ubuvuzi, na byinshi ntigeze mvugaho hano mu rwego rwo kubungabunga aka gatabo.



# Waba ufite amatsiko?

Niba ufite amatsiko ukaba unanyotewe no kumenya byinshi kuri Isilamu mu buryo burambuye, gerageza usure izi mbuga zacu zikurikira:

**www.discoveritsbeauty.com**

Ntutinye no kutwandikira utubaza cyangwa uduha ibitekerezo byawe kuri imeyili (e-mail):

**info@discoveritsbeauty.com**

## IMBUGA ZA MURANDASI ZA ISLAM ZAGUFASHA:

http://www.allahsquran.com
http://www.quranexplorer.com
http://www.islamhouse.com
http://www.edialogue.org
http://www.islamreligion.com
http://www.newmuslimguide.com

## URUHEREREKANE RW'UDUTABO TWA VUMBURA UBWIZA BWABWO MU MINOTA 7:

1. **Agatonyanga mu nyanja**
2. **Idini rya Adamu na Eva**
3. **Byinshi kuri Islam**
4. **Gusubiza ibibazo by'ingenzi umuntu yibaza**
5. **Amazina ye (Allah) meza**
6. **Ubuhanuzi bwa nyuma**
7. **Intumwa ya nyuma**

# UBUHAMYA BW'UKWEMERA
## (AMAREMBO AKWINJIZA MURI ISLAM)

«Ndahamya ko nta yindi mana ibaho uretse Allah, nkanahamya ko Muhamadi ari Intumwa ya Allah».

Mu cyarabu basoma ngo:

أشهد أن لا إله إلا الله وأشهد أن محمدا رسول الله

Ari byo bivuga ngo:

**ACH-HADOU ALLA ILAHA ILLA ALLAH WA ACH-HADOU ANNA MOHAMADANE RASSOULOULLAH.**

Ubu ni ubuhamya bw'ukwemera umuntu aba agomba kuvuga kugira ngo abe Umuyisilamu; bubumbiye hamwe ukuri, ubwiza n'ukoroha kwa Isilamu.



DISCOVER

ITS BEAUTY

WWW.DISCOVERITSBEAUTY.COM

Scan it!

GLOBAL ACADEMY FOR TRANSLATION AND EDUCATION (GATE)
LONDON | THE UNITED KINGDOM

كتاب الوحي الأخير باللغة الرواندية